


# Indirimbo ya Sakima

Ursula Nafula
Peris Wachuka
Patrick Munyurangabo
3
Ikinyarwanda rw



Sakima yabanaga n’ababyeyi be na bashiki be bakuru. Bari batuye kubutaka bw’umugabo w’umukungu. Inzu y’ibyatsi yabo yabaga kumpera y’umurongo w’ibiti.



Ubwo Sakima yarafite imyaka itatu, yararwaye anabura ububone (aba impumyi). Sakima yari umuhungu w’impano.



Sakima yakoraga ibintu byinshi abandi bana b'imyaka itandatu badakora. Urugero, yashoboraga kwicarana nabakuze bo mu igiturage bakaganira kubintu by'ingirakamaro.



Ababyeyi ba Sakima bakora mu inzu y’umugabo w’umukire. Bavaga murugo kare mugitondo bakanagaruka nimugoroba bwije. Sakima yasigaranaga na bashiki be.



Sakima yakundaga kuririmba indirimbo. Umunsi umwe nyine yaramubajije, “Ni hehe wigira izi ndirimbo, Sakima?”




Sakima yarasubije, “Ziraza, maa, nzunva mumutwe wange ubundi nkazirirmba.”



Sakima yakundaga kuririmbira mushiki we muto, cyane cyane, iyo yasonzaga. Mushiki we yuga indirimbo ye yakundaga. Yahitaga aceceka kubera ijyana ituje.



“wakongeye ukayiririmba nanone, Sakima,” mushiki we yaramusabaga. Sakima yaremeraga akongera akaririmba kenshi.



Ikigoroba kimwe ubwo ababyeyi be bagarukaga murugo, bari bacecetse. Sakima yaraziko hari ikintu kitari kiza.



“Ni iki kitari kiza?” Sakima yarabajije. Sakima yamenye ko umuhungu w’umugabo w’umukire yabuze. Umugabo yari ababaye cyane anigunze.




“Nshobora kumuririmbira. Ashobora kongera akishima.” Sakima yabwiye ababyeyi be. Ariko ababyeyi be baramwangiye. “Ni umukire cyane. Uri umwana w’impumbi gusa. Uratekereza ko indirimbo yawe iribumufashe?”



Ariko, Sakima ntiyahaze. Mushiki we muto yaramushigikiye. Yaravuze, “Indirimbo za Sakima ziranturisha iyo nshonje. Zizatuzisha umugabo w’umukire nawe.”




Umunsi ukurikiye ho, Sakima yasabye mushiki we muto kumuyobora ku insu y’umugabo w’umukire.



Yahagaze munsi y'idirishya rinini anatangira kuririmba indirimbo ye akunda. Buke buke, umutwe w'umugabo w'umukire watangiye kugenda ugaragara mw'idirishya rinini.



Abakozi bahakaritse ibyo bari gukora. Bateze amatwi indirimbo ziza ya Sakima. Ariko umugabo umwe yaravuze. “Ntamuntu numwe wari wakabashije guhoza bosi. Uyu mwana w’impumyi aratekereza ko aribumuhoze?”



Sakima yarangije kuririmba indirimbo ye ahindukira ngo agende. Ariko umugabo w’umukire yasohotse yiruka aravuga, “Mbabarira wongere uririmbe.”



Muri ako kanya, abagabo babiri baje bikoreye umuntu mu ingobyi. Bari babonye umuhungu w’umugabo w’umukire yakubiswe yanasizwe k’uruhande rw’umuhanda.




Umugabo w'umukire yari yishimye cyane kongera kubona umuhungu we. Yajyanye umuhungu we na Sakima kwa muganga (ibitaro) kugirango Sakima yongere abone.

# Global Storybooks

globalstorybooks.net

## Indirimbo ya Sakima

Ursula Nafula
Peris Wachuka
Patrick Munyurangabo

CC BY